If the existence of a particular person is necessary for the performance of the obligation, that person's death or incapacity making performance impossible is one of the reasons that makes the performance of the contract impossible depending on circumstances.

Article 94: Non-existence, absence or deterioration of thing necessary for performance

If the existence of a specific thing is necessary for the performance of the obligation, its non-existence, absence or deterioration making the performance impossible shall be considered as an event that makes the performance of the obligations of the contract impossible.

Article 95: Compliance with a new regulation

If the performance of the obligation is made impossible because of compliance with a new regulation, that regulation is an event the occurrence of which was not foreseen when the contract was made.

Article 96: Partial impossibility of performance

Where only part of the performance is impossible, the debtor's remaining obligations shall be unaffected if:

Article 93: Décès ou incapacité

Dans le cas où l'existence d'une personne donnée est nécessaire pour l'exécution d'une obligation, son décès ou son incapacité rendant impossible l'exécution constitue l'une des raisons qui rendent impossible l'exécution du contrat selon les circonstances.

Article 94: Non-existence, absence ou détérioration de la chose nécessaire à l'exécution

Si l'existence d'une chose déterminée est nécessaire pour l'exécution d'une obligation, sa non-existence, absence ou détérioration rendant l'exécution impossible est considérée comme un événement qui rend impossible l'exécution des obligations du contrat.

Article 95: Conformité à une nouvelle réglementation

Si l'exécution de l'obligation devient impossible suite à l'obligation de se conformer à une nouvelle réglementation, cette réglementation est un événement dont la survenance n'avait pas été prévue lors de la formation du contrat.

Article 96: Impossibilité partielle de l'exécution

Dans le cas où seule une partie des obligations du débiteur est impossible, les obligations restantes ne sont pas affectées si :

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

1° igice gisigaye gishobora kurangizwa kandi aricyo cy'ingenzi;

2° mu gihe gikwiye, ugenewe inshingano yemeye gukora ibisabwa byose bisigaye no kwemerera ufite inshingano kugumana ibyakozwe.

Ingingo ya 97: Inkurikizi iyo igisabwa kidashoboka cyangwa icyari kigamijwe kitakiriho

Kudakora igisabwa bibaye ku ruhande rumwe kubera ko kidashoboka cyangwa icyari kigamijwe kitakiriho bivanaho inshingano zo gukora igisabwa ku rundi ruhande keretse rwaremeye gukora igisabwa n'ubwo urundi ruhande rwaba rutarashoboye kugikora.

Icyiciro cya 3: Kuvanaho inshingano ku bwumvikane cyangwa kuzihindura

Ingingo ya 98: Gusaba ingurane cyangwa igisimbura

Inshingano ntizivanwaho n'uko uruhande rufite inshingano rubyemeye, keretse iyo:

1° bikoze hari ingurane rwabonye;

2° ari isezeranya rishobora gushyirwa mu bikorwa ridasabye ingurane;

3° byatumye haba igikorwa cyangwa kwifata

1° the remaining part is still practicable and is substantial;

2° within a reasonable time, the creditor agrees to perform all remaining obligations and allow the debtor to retain performance already rendered.

Article 97: Effects in case of impossibility of performance or disappearance of the object of a contract

A party's failure to render performance justified by impossibility or disappearance of the object of a contract shall extinguish the other party's obligation unless that party assumed to perform obligations despite failure of the other party.

Section 3: Extinguishment of obligations by mutual assent or modification

Article 98: Request for consideration or substitute

A debtor's manifestation of assent to the the extinguishment of obligations is not effective, unless:

1° it is made for after consideration;

2° it is a promise that would be enforceable without consideration;

3° it has induced an action or abstention

1° la partie restante peut être exécutée et est substantielle;

2° dans un délai raisonnable, le créancier accepte d'exécuter toutes les obligations restantes et permettre au débiteur de conserver les obligations déjà exécutées.

Article 97: Effets en cas d'impossibilité d'exécution ou de disparition de l'objet du contrat

Le défaut d'une partie d'exécuter les obligations suite à l'impossibilité ou à la disparition de l'objet du contrat, éteint les obligations de l'autre partie, à moins qu'elle n'accepte d'exécuter les obligations nonobstant le défaut de l'autre partie.

Section 3: Extinction des obligations par consentement mutuel ou modification

Article 98: Demande de contrepartie ou substitut

La manifestation de consentement du débiteur à l'extinction des obligations n'est pas effective à moins que :

1° elle ne soit faite après une contrepartie;

2° elle soit une promesse qui serait exécutoire sans contrepartie ;

3° elle ait incité à une action ou une

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

birangiza inshingano.

which leads to the extinguishing of the obligations.

abstention qui conduit à l'extinction des obligations.

Ingingo ya 99: Gusiba inyandiko, kuyica cyangwa kuyisubiza ufite inshingano

Article 99: Falsification, destruction or surrender of a writing to the debtor

Article 99: Altération, destruction ou remise d'un titre au débiteur

Iyo ugenewe inshingano asubije ugomba kwishyura inyandiko ifatwa nk'ikimenyetso cy'uburenganzira bwe yari afite, akayica cyangwa akayisiba bivanaho inshingano z'ufite inshingano iyo byakozwe hari ubushake bwo kuvanaho izo nshingano.

If the creditor surrenders to the debtor such a type of written document customarily accepted as evidence of his/her rights, the destruction or falsification by the later extinguishes the obligations of the debtor, if it is done with such intention.

Lorsque le créancier d'un titre qui fait preuve de ses droits le remet au débiteur, son altération ou sa destruction par ce dernier éteint les obligations du débiteur si l'intention de les éteindre est manifeste.

Ingingo ya 100 : Kwemera kuvanaho inshingano z'urundi ruhande

Article 100: Assent to extinguish the other party's obligations

Article 100: Consentement pour l'extinction des obligations de l'autre partie

Iyo uruhande rumwe, mbere yo kurangiza inshingano zarwo, rugaragarije urundi ruhande ko rwemeye kuruvaniraho inshingano zo gukora ibisabwa byose cyangwa igice, izo nshingano ziba zivuyeho nta ngurane.

If a party, before performing his/her obligations, manifests to the other party his/her assent to extinguish the other party's obligations in part or whole, such obligations shall be extinguished without consideration.

Dans le cas où une partie, avant qu'elle n'ait entièrement exécuté ses obligations, manifeste à l'autre partie son consentement à éteindre les obligations de cette partie en tout ou en partie, lesdites obligations sont éteintes sans contrepartie.

Ingingo ya 101: Guhara umwenda

Article 101: Renunciation

Article 101: Renonciation à la créance

Iyo ugenewe inshingano ahaye ufite inshingano inyandiko isinye yemeza ko amuhariye umwenda bivanaho nta ngurane inshingano zaturuka ku kutubahiriza amasezerano.

A written renunciation signed and delivered by the creditor to the debtor shall extinguish without consideration the obligations arising out of the breach of the contract.

La remise volontaire au débiteur par le créancier d'un titre signé attestant la renonciation à la créance éteint sans contrepartie les obligations qui résulteraient de la violation du contrat.

Ingingo ya 102 : Ibisimbura ibisabwa gukorwa

Article 102: Substitution of performance

Article 102: Substitut de prestation

Iyo ugenewe inshingano yemeye ko ufite inshingano yakora ikindi kintu gitandukanye n'ikiri mu masezerano birangiza inshingano.

If the creditor accepts that the debtor can offer another performance in lieu of the one provided under the contract, the obligations shall be extinguished.

Si le créancier accepte que le débiteur peut offrir une autre prestation que celle prévue dans le contrat, les obligations sont éteintes.

Iyo ugenewe inshingano yemeye ko undi muntu arangiza inshingano zari mu masezerano, bivanaho inshingano, keretse ufite inshingano utaremeye ko undi muntu arangiza inshingano ze mu mwanya we abyanze mu gihe gikwiye kuva aho abimenyeye.

Ingingo ya 103: Amasezerano asimburwa andi

Amasezerano asimburwa andi ni amasezerano yemewe n'ugenewe inshingano nk'arangiza inshingano ufite inshingano yari afite.

Amasezerano asimburwa andi arangiza inshingano za mbere kandi kutayubahiriza ntibihya ugenewe inshingano uburenganzira bwo gusaba ko ibyasabwaga mu masezerano ya mbere byakorwa.

Ingingo ya 104: Ubwishyu bwumvikanyweho

Ubwishyu bwumvikanyweho ni amasezerano akorwa ugenewe inshingano asezeranya ko yemera igikorwa runaka gisimbura inshingano ufite inshingano yari afite. Iyo ayo masezerano ashyizwe mu bikorwa birangiza inshingano za mbere.

Inshingano ya mbere iba ihagaze kugeza ku bwishyu bwumvikanyweho, keretse habayeho kwica amasezerano yakozwe ku buryo bukabije bituma ugenewe inshingano atagira inshingano yo kwemera amasezerano mashya. Iyo habayeho kwica amasezerano ku buryo bukabije, ugenewe inshingano ashobora gusaba ko ibisabwa mu masezerano ya mbere byubahirizwa cyangwa ko hubahirizwa ibisabwa mu masezerano y'ubwishyu bwumvikanyweho.

If the creditor accepts that a third party performs the obligations provided in the contract, such obligations shall be extinguished, unless the debtor who has not previously assented to the performance by a third party on his/her behalf refuses, in a reasonable time after knowing it.

Article 103: Novation

A novation is a contract that is accepted by the creditor as an extinguishment of the debtor's existing obligations.

A novation extinguishes the original obligations and the breach thereof by the debtor does not give the creditor the right to request the performance of the original obligations.

Article 104: Payment in kind

Payment in kind is a contract under which the creditor promises to accept a stated performance in satisfaction of the debtor's existing obligations. The performance of the payment in kind shall extinguish the original obligations.

The original obligation shall be suspended until the performance of the payment in kind, unless there is serious breach of the contract which extinguishes the creditor's obligation to accept the new contract. If there is such a serious breach, the creditor may request the performance of either the original obligation or the payment in kind.

Si le créancier accepte qu'un tiers exécute les obligations prévues par le contrat, ces obligations sont éteintes, à moins que le débiteur qui n'a pas préalablement consenti à la prestation par un tiers à sa place y renonce dans un délai raisonnable après en avoir pris connaissance.

Article 103: Novation

La novation est un contrat qui est accepté par le créancier comme extinction des obligations initiales du débiteur.

La novation éteint les obligations initiales et sa violation par le débiteur ne donne pas au créancier le droit de demander l'exécution des obligations initiales.

Article 104: Dation en paiement

La dation en paiement est un contrat en vertu duquel le créancier promet d'accepter une prestation déterminée en acquittement des obligations initiales du débiteur. L'exécution de cet accord éteint les obligations initiales.

L'obligation initiale est suspendue jusqu'à l'exécution de la dation en paiement, à moins qu'il n'y ait une violation grave du contrat qui éteint l'obligation du créancier d'accepter le nouveau contrat. Lorsqu'il y a une telle violation grave, le créancier peut demander l'exécution soit de l'obligation initiale, soit de la dation en paiement.

Ingingo ya 105: Ubwumvikane bwo gusesa amasezerano

Kumvikana gusesa amasezerano ni ubwumvikane bukozwe hagati y'impande zombi buri ruhande rukemera kuvaniraho urundi inshingano rwari rusigaranye ku bw'amasezerano zari zifitanye.

Ubwumvikane bwo gusesa amasezerano burangiza inshingano zose zari zisigaye ku mpande zombi. Ibirebana no gusubizanya ibyakozwe ku mpande zombi bituruka ku bwumvikane bagiranye.

Ingingo ya 106 : Uguharira umwenda

Uguharira umwenda ni inyangiko ikozwe n'ugenewe inshingano igaragaza ko inshingano yari afitiwe ayivanyeho ako kanya cyangwa izavaho habaye inkomyi.

Iyo nyandiko yo guhara umwenda igira agaciro iyo nyir'ukuyikora ayitanze kandi akagaragaza ubushake ko ihita igira agaciro bitewe n'ibikubiyemo.

Ingingo ya 107 : Ihwanya ry'imyenda

Iyo abantu babiri baberanyemo imyenda, hashobora kubaho ihwanya ryayo riyizimya yombi. Iyo myenda yombi izimangana ku mpande zombi kuva igihe ibereyeho, kugeza ku gaciro kayo kangana.

Article 105: Agreement of rescinding of the contract

The agreement of rescinding is an agreement between two parties under which each party agrees to extinguish the other party's remaining obligations under an existing contract.

The agreement of rescinding shall extinguish all remaining obligations of both parties. Restitution with respect to performance that has been rendered depends on the agreement of both parties.

Article 106: Release of debt

A release is a writing by the creditor providing that an obligation owed is extinguished immediately or will be extinguished upon the occurrence of a condition.

The release writing shall take effect on delivery by the maker who manifests the intention that it is to take effect immediately according to its terms.

Article 107 : Compensation

When two people are debtors to one another, there may be compensation which extinguishes both debts. The two debts are extinguished as from their existence up to their respective quota.

Article 105: Accord de résiliation du contrat

Un accord de résiliation est un accord entre deux parties en vertu duquel chacune des parties accepte d'éteindre toutes les obligations restantes de l'autre partie en vertu d'un contrat actuel.

Un accord de résiliation éteint toutes les obligations restantes des deux parties. La restitution des prestations déjà faites dépend de l'accord des deux parties.

Article 106: Remise de la dette

La remise de la dette est un écrit émis par le créancier disposant qu'une obligation qui lui est due est éteinte immédiatement ou sera éteinte suite à la réalisation d'une condition.

L'écrit attestant la remise de la dette prend effet dès sa délivrance par l'émetteur qui manifeste sa volonté qu'il soit exécutoire immédiatement selon son contenu.

Article 107 : Compensation

Lorsque deux personnes se trouvent débitrices l'une envers l'autre, il peut s'opérer entre elles une compensation qui éteint les deux dettes. Les deux dettes s'éteignent réciproquement à compter de leur existence et à concurrence de leurs quotités respectives.

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

Ihwanya ry'imyenda riba gusa hagati y'imyenda ishingiyeye ku mafaranga cyangwa ibintu runaka biguranywe bikorishywe bikarangira. Iyo myenda igomba kuba izwi ingano ndetse ikaba igeze igihe cyo kwishyuzwa. Ihwanya ry'imyenda ntiribangamira uburenganzira undi wese yamaze kwegukana.

Ingingo ya 108: Kwemera ibyahinduwe mu masezerano

Iyo uruhande rumwe, ruzi ko ibyahinduwe mu masezerano bikuraho inshingano zarwo, rugaragaje ko rwemeye ibyahinduwe, uko kwemera gufatwako nko kwemera ihamagarira ryo gusimbura ingingo z'amasezerano.

Iyo uruhande rumwe, ruzi ko ibyahinduwe mu masezerano bikuraho inshingano zarwo, rutsimbaraye ku burenganzira bwawo buvugwa mu masezerano ya mbere cyangwa rugaragaje icyifuzo cyo kuguma kugendera ku masezerano ya mbere, ayo masezerano ya mbere asubizwa agaciro.

Icyiciro cya 4: Abatanze isezeranya benshi n'abagenewe isezeranya benshi

Ingingo ya 109: Igisabwa abasezeranije benshi

Iyo abantu babiri cyangwa abarenzeho mu masezerano bemereye gukora igisabwa ugenewe isezeranya umwe, buri wese aba agomba gukora igisabwa cyose.

Compensation shall occur only between two debts which relate to a sum of money or a certain quantity of fungible things of the same kind. The value of such debts must be known and due for payment. The compensation does not occur to the detriment of vested rights to a third party.

Article 108: Assent to modification of the contract

If a party, knowing of a modification that extinguishes his/her obligations, manifests assent to the modification, his/her manifestation shall be equivalent to an acceptance of an offer to substitute the modified clauses.

If a party, knowing of a modification that extinguishes his/her obligations, asserts his/her rights under the original contract or otherwise manifests a willingness to remain subject to the original contract, the original contract shall be revived.

Section 4: Co-promisors and co-promisees

Article 109: Co-promisors performance

Where two or more parties to a contract promise the same performance to the same promisee, each shall be bound for the whole performance.

La compensation n'a lieu qu'entre deux dettes qui ont pour objet une somme d'argent ou une certaine quantité de choses fongibles de la même espèce. La valeur de ces dettes doit être connue et exigible. La compensation ne doit pas porter préjudice aux droits acquis par un tiers.

Article 108: Accord sur les modifications du contrat

Lorsqu'une partie, ayant connaissance d'une modification qui éteint ses obligations, manifeste son consentement aux clauses modifiées, sa manifestation vaut acceptation de l'offre pour remplacer ces clauses modifiées.

Lorsqu'une partie, ayant connaissance d'une modification qui éteint ses obligations, revendique ses droits en vertu du contrat initial ou manifeste son intention de garder le contrat initial, ce contrat initial est remis en vigueur.

Section 4: Co-promettants et co-bénéficiaires de la promesse

Article 109 : Prestation des co-promettants

Dans le cas où deux ou plusieurs parties à un contrat promettent la même prestation au même bénéficiaire, chacun est responsable de l'exécution entière.

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

Ingingo ya 110: Inkurikizi zo gukora igisabwa ku basezeranije benshi

Iyo uwatanze isezeranya akoze igisabwa birangiza inshingano z'abandi bose batanze isezeranya ryo gukora igisabwa.

Ingingo ya 111: Abagenewe isezeranya benshi

Iyo uwatanze isezeranya akoze isezeranya ku bagenewe isezeranya benshi, buri wese mu bagenewe isezeranya aba afite uburenganzira bwo gukorerwa igisabwa cyose.

Ingingo ya 112: Inkurikizi zo kutubahiriza inshingano ku bagenewe inshingano benshi

Iyo umwe mu bagenewe inshingano agerageje cyangwa ashatse kuvanaho inshingano z'uwatanze isezeranya, uwo ari we wese mu bagenewe inshingano bandi ashobora gusaba urukiko gufata icyemezo kibuza kuvanaho inshingano z'uwatanze isezeranya.

Kuvanaho inshingano z'uwatanze isezeranya bishobora guteshwa agaciro mu gihe ari ngombwa kugira ngo inyungu z'uwo ariwe wese mu bagenewe inshingano bandi zishingiye ku gukora igisabwa zirindwe.

Article 110 : Effects of performance on co-promisors

Performance of a promisor shall extinguish the obligation of each of the other promisors.

Article 111: Co-promisees

Where a promisor makes a promise to many promisees, each of them has right to the whole performance.

Article 112: Effects of non compliance with obligations to co-creditors

If one of the creditors attempts or wishes to extinguish the obligations of the promisor, any other co-creditors may request a court decision forbidding the extinguishing of the promisor's obligations.

The extinguishing of the promisor's obligations is liable to annulment if deemed necessary to protect any other co-creditor's interest in the performance.

Article 110 : Effets de l'exécution à l'égard des co-promettants

L'exécution de l'obligation par un promettant éteint les obligations de chacun des autres promettants.

Article 111: Co-bénéficiaires de la promesse

Dans le cas où le promettant fait une promesse à plusieurs bénéficiaires, chacun d'eux a droit à la prestation entière.

Article 112: Effets du non respect des obligations à l'égard des co-crédanciers

Si un créancier essaie ou veut libérer le promettant de ses obligations, tout autre créancier peut demander au tribunal de prendre une décision interdisant l'extinction des obligations du promettant.

L'extinction des obligations du promettant est annulable si cela s'avère nécessaire pour protéger l'intérêt de tout autre co-crédancier dans la prestation.

**UMUTWE WA VI:
N'AMASEZERANO
ABAYAKORANYE**

**ABAREBWA
BATARI**

**CHAPTER VI: THIRD PARTIES TO THE
CONTRACT**

**CHAPITRE VI: TIERCES PARTIES AU
CONTRAT**

**Icyiciro cya mbere: Inkurikizi z'amasezerano
ku bandi bantu**

**Section One: Effects of contracts to third
parties**

**Section première: Effets des contrats à
l'égard des tiers**

Ingingo ya 113: Inkurikizi z'amasezerano

Article 113: Effects of contracts

Article 113 : Effets des contrats

Amasezerano agira inkurikizi ku bayagiranye gusa, ntabangamira undi wese kandi amugirira akamaro gusa mu biteganyijwe bijyanye no gusezerana ibifitiye undi akamaro.

Contracts shall have effect only on contracting parties. They shall not cause any prejudice to a third party and shall only benefit to him/her in case of provisions in favour of a third party.

Les contrats n'ont d'effet qu'entre les parties contractantes. Ils ne nuisent point au tiers et ne lui profitent qu'en cas de stipulation pour autrui.

Icyakora, ugenewe inshingano ashobora gukoresha uburenganzira n'ububasha ugomba kumwishyura afite ku bandi bantu kugira ngo ashobore kwishyurwa keretse iyo ubwo burenganzira bushingiye gusa ku muntu ubwe.

Nevertheless, the creditor may exercise rights and claims owned by his/her debtor towards third parties unless such a right is exclusively personal to the debtor.

Néanmoins, le créancier peut exercer tous les droits et actions de son débiteur sur les tiers, à moins que ce droit ne soit exclusivement attaché à la personne du débiteur.

Ugenewe inshingano ashobora kandi ku giti cye gutambamira ibikorwa by'ugomba kumwishyura bihungabanya uburenganzira bwe.

The creditor may also personally oppose any acts performed by his/her debtor which adversely affect the creditor's rights.

Le créancier peut aussi, en son nom personnel, attaquer les actes faits par son débiteur en fraude de ses droits.

**Icyiciro cya 2: Abandi bantu bagenewe ibisabwa
mu masezerano**

Section 2: Third party beneficiaries

Section 2 : Tiers bénéficiaires

**Ingingo ya 114: Abandi bantu bagenewe
ibisabwa mu masezerano bumvikanyweho
n'ab'ingoboka**

**Article 114: Intended and incidental third
party beneficiaries**

**Article 114: Tiers bénéficiaires désignés et
tiers bénéficiaires secondaires**

Usibye mu gihe impande zombi zibyumvikanyeho ukundi, undi muntu ugenewe igisabwa mu masezerano ni uwo zahaye uburenganzira bwo gukorerwa ibisabwa mu masezerano, cyangwa,

Unless otherwise agreed between parties, a third party beneficiary of a contract is a person to whom the parties have recognised the right to performance or if, according to circumstances, the

A moins que les parties n'en conviennent autrement, le tiers bénéficiaire d'un contrat est celui à qui les parties reconnaissent le droit à l'exécution du contrat ou si, selon les

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

ukurikije uko ibintu biteye, bigaragara ko ugenewe isezeranya ashaka ko ibisabwa mu masezerano bikorerwa uwo muntu.

Undi muntu ugenewe ibisabwa mu masezerano w'ingoboka ni undi muntu abasezeranye batateganyije ko yagira inyungu abona mu masezerano ariko akagira uburyo ayungukiramo.

Ingingo ya 115: Kutemera k'undi muntu ugenewe ibisabwa mu masezerano

Undi muntu ugenewe ibisabwa mu masezerano utaremeye ibyo amasezerano amugenera ashobora, mu gihe gikwiye akimara kubimenya, kwanga ibyo amasezerano yamugeneye kuva agitangira.

Ingingo ya 116: Uburenganzira bw'undi muntu ugenewe ibisabwa mu masezerano

Gutanga isezeranya byonyine nta nshingano biha undi muntu ugenewe ibisabwa, keretse mu gihe habayeho amasezerano hagati y'utanze isezeranya n'ugenewe isezeranya. Iyo amasezerano ashobora guteshwa agaciro cyangwa adashobora gushyirwa mu bikorwa mu gihe yakorwaga, uburenganzira bw'undi muntu ugenewe ibisabwa na bwo ntibushoboka.

Iyo bitakiri ngombwa ko amasezerano cyangwa igice cyayo byubahirizwa kubera ko kuyashyira mu bikorwa bitagishoboka, ku mpamvu ndemyagihugu, ku mpamvu zituruka ku nkomyi itarabayeho, igisabwa kitarakozwe cyangwa bigaragara ko

promisee manifests the intention to make that person the beneficiary of the performance.

The incidental third party beneficiary is a person to whom the parties did not intend to benefit from the contrat but who may benefit therefrom.

Article 115: Disclaimer by third party beneficiary

A third party beneficiary who has not previously assented to benefit from the contract may, in a reasonable time after learning of its existence, disclaim any benefits provided for him/her from the time the contract was made.

Article 116: Third party beneficiary's rights

A promise creates no obligations to the third party beneficiary unless a contract is formed between the promisor and the promisee. If a contract is liable to annulment or unenforceable at the time of its formation, the rights of the third party beneficiary shall also be unenforceable.

If the contract is no longer binding in whole or in part because of impossibility of performance due to public order, non-occurrence of a suspensive condition, present or prospective failure of performance, the rights of the third party

circumstances, le bénéficiaire de la promesse veut que cette personne soit le bénéficiaire de cette prestation.

Le tiers bénéficiaire secondaire est une personne non prévue comme bénéficiaire du contrat par les parties mais qui peut d'une façon ou d'une autre en tirer profit.

Article 115: Renonciation par un tiers bénéficiaire

Un tiers bénéficiaire qui n'a pas consenti pour le bénéfice du contrat peut, dans un délai raisonnable après avoir pris connaissance de son existence, renoncer à tous les profits prévus en sa faveur dès la formation du contrat.

Article 116: Droits du tiers bénéficiaire

Une promesse ne crée pas d'obligations à l'égard du tiers bénéficiaire à moins qu'un contrat ne soit formé entre le promettant et le bénéficiaire de la promesse. Si un contrat est annulable ou non exécutoire au moment de sa formation, les droits du tiers bénéficiaire deviennent également non exécutoires.

Si un contrat n'est plus contraignant en tout ou en partie suite à l'impossibilité d'exécution pour des raisons d'ordre public, de non survenance de la condition suspensive, de défaut actuel ou éventuel d'exécution, les

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

kitazakorwa, uburenganzira bw'undi muntu ugenewe ibisabwa na bwo buvaho cyangwa bugahinduka.

Ingingo ya 117: Irenganzira ry'undi muntu ugenewe ibisabwa

Iyo undi muntu ugenewe ibisabwa wumvikanweho mu masezerano afite uburenganzira bwo kurega ugenewe isezeranya, ashobora gusaba urukiko gutegeka uwatanze isezeranya cyangwa ugenewe isezeranya cyangwa bombi kurangiza inshingano bamugomba.

Ingingo ya 118: Ukuvanaho cyangwa uguhindura uburenganzira bw'undi muntu ugenewe ibisabwa

Kuvanaho cyangwa guhindura uburenganzira bw'undi muntu ugenewe ibisabwa mu masezerano biturutse ku watanze isezeranya cyangwa ku bwumvikane bundi hagati y'uwatanze isezeranya n'ugenewe isezeranya, nta gaciro bigira mu gihe hari ingingo y'isezeranya ibibuza.

Iyo nta ngingo y'amasezerano ibibuza, utanze isezerana n'ugenewe isezeranya bagumana ububasha bwo kuvanaho cyangwa guhindura inshingano babyumvikanyeho.

Ubwo bubasha burangira iyo undi muntu ugenewe ibisabwa mu masezerano, mbere y'uko amenyeshwa ko uburenganzira bwe bwahindutse cyangwa bwavuyeho:

beneficiary shall also be extinguished or modified.

Article 117: Remedies of the third party beneficiary

Where the intended third party beneficiary has a claim against the promisee, he/she can request the court to order either the promisor or the promisee or both to perform the obligations owed to him/her.

Article 118: Revocation or modification of the rights of the third party beneficiary

Revocation or modification of the rights of the third party beneficiary by the promisor or by an agreement between the promisor and the promisee is ineffective if a clause of the promise prohibits such an act.

In the absence of such a prohibiting clause, the promisor and the promisee retain power to revoke or modify the obligations by an agreement.

Such a power terminates when the third party beneficiary, before he/she receives notification of the revocation or modification of his/her rights:

droits du tiers bénéficiaire sont également éteints ou modifiés.

Article 117: Réparations en faveur du tiers bénéficiaire

Dans le cas où le tiers bénéficiaire désigné a une action contre le bénéficiaire de la promesse, il peut demander à une juridiction d'ordonner au promettant ou au bénéficiaire de la promesse ou les deux, d'exécuter les obligations qui lui sont dues.

Article 118: Révocation ou modification des droits du tiers bénéficiaire

La révocation ou la modification des droits du tiers bénéficiaire par le promettant ou par un accord entre le promettant et le bénéficiaire de la promesse est sans effet si une clause de la promesse interdit un tel acte.

En l'absence d'une clause interdisant un tel acte, le promettant et le bénéficiaire de la promesse conservent le pouvoir de révoquer ou de modifier les obligations par un accord.

Un tel pouvoir prend fin lorsque le tiers bénéficiaire, avant de recevoir l'avis de révocation ou de modification de ses droits:

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

- 1° yakoze igikorwa gikomeye ashingiye kuri ubwo burenganzira ahabwa;
- 2° yaburegeye;
- 3° yemeye ko buhinduka cyangwa buvanwaho abisabwe n'uwatanze isezeranya cyangwa ugenewe isezeranya.

- 1° has performed any material act in reliance on those rights;
- 2° has brought suit on it ;
- 3° assented to its revocation or modification upon request by the promisor or the promisee.

- 1° a posé un acte substantiel sur base de ces droits ;
- 2° a intenté une action fondée sur ces droits ;
- 3° a donné son consentement à la révocation ou modification à la demande du promettant ou du bénéficiaire de la promesse.

Iyo ugenewe isezerana abonye ingurane kubera kuvanaho cyangwa guhindura inshingano z'uwatanze isezeranya, undi muntu ugenewe ibisabwa ashobora gusaba uburenganzira kuri iyo ngurane. Inshingano uwatanze isezeranya yari afitiye undi muntu ugenewe ibisabwa na zo zigabanuka mu buryo bungana n'ingurane yatanzwe.

If the promisee receives consideration for the extinguishment or modification of the promisor's obligation, the third party beneficiary may assert his/her rights to such a consideration. The promisor's obligations to the third party beneficiary shall be reduced to the extent of the consideration given.

Si le bénéficiaire de la promesse reçoit une contrepartie pour l'extinction ou la modification des obligations du promettant, le tiers bénéficiaire peut faire valoir ses droits sur cette contrepartie. Les obligations du promettant à l'égard du tiers bénéficiaire sont réduites proportionnellement à la contrepartie offerte.

Ingingo ya 119: Kwibeshya ku burenganzira bw'undi muntu ugenewe ibisabwa

Inkurikizi zo kwibeshya k'utanze isezeranya cyangwa ugenewe isezeranya ku bijyanye no kubaho k'uburenganzira bw'undi muntu ugenewe ibisabwa zigenwa n'amategeko atuma amasezerano ashobora guseswa kubera kwibeshya.

Article 119: Mistake on the third party beneficiary's rights

The effect of a mistake of the promisor or the promisee as to the existence of the third party beneficiary's rights shall be governed by the rules making contracts liable to annulment for mistake.

Article 119: Erreur sur les droits du tiers bénéficiaire

Les effets d'une erreur du promettant ou du bénéficiaire de la promesse sur l'existence des droits du tiers bénéficiaire sont régis par les règles relatives à l'annulation des contrats suite à l'erreur.

Icyiciro cya 3: Ihererekanya ry'uburenganzira n'inshingano

Ingingo ya 120 : Ihererekanya ry'uburenganzira

Ihererekanya ry'uburenganzira ni ugutanga ku

Section 3: Assignment of rights and obligations

Article 120: Assignment of rights

Assignment of rights is a voluntary transfer of

Section 3: Cession des droits et des obligations

Article 120: Cession des droits

La cession des droits est le transfert volontaire

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

bushake uburenganzira bukomoka ku masezerano bugahabwa undi muntu.	rights arising from the contract to a third party.	des droits découlant du contrat à un tiers.
Uburenganzira bukomoka ku masezerano bushobora guhererekanywa keretse gusa iyo:	The rights arising from the contract may be assigned unless:	Les droits découlant du contrat peuvent être cédés sauf si :
1° gusimburanya uburenganzira bw'utanze n'ubw'uhawe uburenganzira byahindura ku buryo bukabije inshingano z'ufite inshingano;	1° the substitution of the rights of the assignor by those of the assignee would materially change the obligations of the debtor;	1° le remplacement des droits du cédant par ceux du cessionnaire modifie de façon substantielle les obligations du débiteur ;
2° ihererekanya ry'uburenganzira ribujijwe n'amategeko cyangwa ridashoboka kubera impamvu ndemyagihugu;	2° the assignment of rights is forbidden by law or is inoperative on grounds of public order;	2° la cession des droits est interdite par la loi ou est inopérante pour des raisons d'ordre public;
3° ihererekanya ry'uburenganzira ribujijwe mu masezerano.	3° assignment of rights is precluded by the contract.	3° la cession des droits est exclue par le contrat.

Ingingo ya 121: Guha undi muntu ishingano yo gukora igisabwa

Ufite inshingano ashobora guha undi muntu inshingano zo gukora ibyo asabwa mu masezerano keretse iyo bibujijwe kubera impamvu ndemyagihugu cyangwa mu ngingo z'amasezerano.

Isezeranya rishobora gutenganya ko igisabwa gikorwa n'umuntu wihariye iyo ugenewe inshingano afite inyungu ikomeye ituma igisabwa kigomba gukorwa cyangwa kugenzurwa n'uwo muntu.

Uretse iyo ugenewe inshingano abyemeye ukundi, ari uguha undi muntu inshingano zo gukora ibisabwa, ari amasezerano yo kwishingira

Article 121: Transfer of obligation to a third party

The debtor may transfer his/her obligations to a third party unless such transfer is prohibited on grounds of public order or by the clauses of the contract.

A promise may require performance by a particular person when the creditor has a substantial interest in having that performance rendered or controlled by that person.

Unless the creditor agrees otherwise, neither transfer of obligations to a third party nor a contract guaranteeing the obligations therein

Article 121: Transfert des obligations à une tierce partie

Le débiteur peut transférer l'exécution de ses obligations à une tierce partie à moins que ce transfert ne soit interdit pour des raisons d'ordre public ou en vertu des clauses du contrat.

Une promesse peut exiger l'exécution des obligations par une personne spécifique dans la mesure où le créancier a un intérêt substantiel dans l'exécution ou le contrôle des obligations par cette personne.

A moins que le créancier n'en convienne autrement, ni le transfert de l'exécution des obligations à une tierce partie ni un contrat de

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

inshingano ziyarimo ntibikuraho inshingano cyangwa uburyozwe by'ufite inshingano.

extinguishes the obligations or liability of the debtor.

prise en charge des obligations ne libère le débiteur de ses obligations ou de sa responsabilité.

Ingingo ya 122: Kubuza mu masezerano ihererekanya ry'uburenganzira

Article 122: Contractual prohibition of assignment of rights

Article 122: Interdiction dans le contrat de cession des droits

Ingingo y'amasezerano ibuza ihererekanya ry'uburenganzira buturuka kuri ayo masezerano ntibuza ihererekanya ry'uburenganzira ku ndishyi zikomoka ku kutubahiriza amasezerano cyangwa ihererekanya ry'uburenganzira uweguye uburenganzira bwe afite kubera ko yarangije gukora igisabwa mu masezerano, keretse hari ubundi bushake bugaragaye.

A clause of the contract prohibiting the assignment of rights arising from that contract does not preclude assignment of right to damages for breach of the contract or the assignment of the assignor 's rights due to performance of his/her entire obligations, unless a different intention is manifested.

Une clause du contrat interdisant la cession des droits découlant de ce contrat n'exclut pas la cession du droit aux dommages-intérêts suite à l'inexécution du contrat ou la cession des droits du cédant suite à l'exécution de ses obligations, à moins qu'une intention différente ne soit manifestée.

Ingingo y'amasezerano ibuza ihererekanya ry'uburenganzira buturuka kuri ayo masezerano iha ufite inshingano uburenganzira ku ndishyi zo kutubahiriza ingingo zibuza ihererekanya ry'uburenganzira ariko ntitesha agaciro iryo hererekanya, keretse hari ubundi bushake bugaragaye.

A clause of the contract prohibiting the assignment of rights arising from that contract gives to the debtor the right to damages for breach of the terms prohibiting the assignment of rights but does not invalidate the assignment, unless a different intention is manifested.

Une clause du contrat interdisant la cession du droit découlant de ce contrat donne au débiteur le droit aux dommages-intérêts suite au non respect des dispositions interdisant la cession des droits mais n'annule pas cette cession, à moins qu'une intention différente ne soit manifestée.

Ingingo y'amasezerano ibuza ihererekanya ry'uburenganzira buturuka kuri ayo masezerano iba mu nyungu z'ufite inshingano, ariko ntibibuza uweguriwe uburenganzira gukurikirana uweguye uburenganzira bwe cyangwa ufite inshingano kugira ngo barangize inshingano zabo, keretse hari ubundi bushake bugaragaye.

A clause of the contract prohibiting the assignment of rights arising from that contract shall be for the benefit of the debtor, but does not prevent the assignee from suing the assignor or the debtor to perform their obligations, unless a different intention is manifested.

Une clause du contrat interdisant la cession des droits découlant de ce contrat est au profit du débiteur mais n'empêche pas le cessionnaire d'intenter une action contre le cédant ou le débiteur pour s'acquitter de leurs obligations, à moins qu'une intention différente ne soit manifestée.

Ingingo ya 123: Ukwemera k'ufite inshingano mu ihererekanya ry'uburenganzira cyangwa inshingano

Ingingo y'amasezerano igaragaza ko ufite inshingano yemeye ko hazabaho ihererekanya ry'uburenganzira cyangwa ihererekanya ry'inshingano yo gukora igisabwa igira agaciro kabone n'ubwo habaho kubyanga bivutse nyuma.

Kugaragaza ubwo bushake nyuma y'uko amasezerano akozwe na byo biremewe iyo bikozwe hari ingurane cyangwa igihe isezeranya rikorwa nta ngurane, cyangwa habaye impinduka ikomeye ituruka kuri uko kwemera.

Ingingo ya 124: Ihererekanya ricagase ry'uburenganzira

Ihererekanya ricagase ni ihererekanya ry'igice cy'uburenganzira buturuka ku masezerano ku weguriwe uburenganzira umwe cyangwa benshi.

Iyo ufite inshingano atakoze amasezerano yo kwishyura icyo gice ukwacyo, uweguye cyangwa uweguriwe uburenganzira ntibashobora gukurikirana ufite inshingano iyo yanze kwishyura buri gace ukwako, keretse iyo abeguriwe uburenganzira bose babonetse mu rubanza bagatanga ikirego kimwe.

Article 123: Debtor's assent to the assignment of rights or obligations

A clause of the contract manifesting the debtor's assent to the assignment of rights or obligations shall be effective even in the case of subsequent objection.

The manifestation of such assent after the formation of the contract is similarly effective if made for consideration or in the case a promise is made without consideration, or in the case of a material change resulting from that assent.

Article 124: Partial assignment of rights

Partial assignment is the transfer of portion of rights arising from the contract to one or more assignees.

If the debtor has not contracted to separately perform that part of rights, the assignor or the assignee cannot take any legal proceeding against the debtor over his/her objection to perform each part separately, unless all the assignees file a common claim.

Article 123: Consentement du débiteur à la cession des droits ou des obligations

Une clause du contrat manifestant le consentement du débiteur à la cession des droits ou des obligations est valable même en cas d'opposition ultérieure.

La manifestation d'un tel consentement après la formation du contrat est aussi valable si elle est faite en échange d'une contrepartie ou en cas d'une promesse sans contrepartie, ou encore en cas de modification substantielle résultant de ce consentement.

Article 124: Cession partielle des droits

La cession partielle est le transfert d'une partie des droits decoulant du contrat à un ou plusieurs cessionnaires.

Si le débiteur n'a pas contracté pour l'exécution séparée de cette partie des droits, ni le cédant ni le cessionnaire ne peuvent intenter une action contre le débiteur suite à son objection d'exécuter séparément chaque partie, à moins que tous les cessionnaires n'intentent une action commune.

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

Ingingo ya 125: Kwemera cyangwa kwanga k'wegurirwa uburenganzira

Kwemera k'wegurirwa ni ngombwa kugira ngo ihererekanya rigire agaciro, keretse iyo:

- 1° undi muntu atanze ingurane y'hererekanya ry'uburenganzira ; cyangwa
- 2° ihererekanya ry'uburenganzira ryabaye ku buryo budasubirwaho kubera ko inyandiko yahawe undi muntu.

Uweguriwe uburenganzira akaba atarabyemera ashobora, mu gihe gikwiye amaze kubimenya, gutesha agaciro iryo hererekanya ryabaye kuva igihe ryakorewe.

Ingingo ya 126: Gukuraho ihererekanya ry'uburenganzira ryakozwe nta kiguzi

Ihererekanya ry'uburenganzira rikozwe nta kiguzi rishobora gusubirwaho n'weguye uburenganzira bwe kandi uburenganzira bw'weguriwe buhagarara iyo weguye uburenganzira bwe apfuye cyangwa abuze ubushobozi, akoze irindi hererekanya cyangwa abimenyeshye mu nyandiko uweguriwe uburenganzira cyangwa ufite inshingano.

Ihererekanya ry'uburenganzira nta kiguzi riba ritagishoboye gusubirwaho iyo mbere y'uko uburenganzira bw'weguriwe burangira, uweguriwe abonye :

- 1° ubwishyu cyangwa irangizwa

Article 125: Acceptance or disclaimer by the assignee

The assent by the assignee is essential to make the assignment effective, unless:

- 1° a third party gives consideration for the assignment; or
- 2° the assignment of rights is irrevocable because of the delivery of the writing to a third person.

An assignee who has not assented to an assignment may, within a reasonable time after learning of that assignment, render it void from the time it was made.

Article 126: Revocation of gratuitous assignment of rights

A gratuitous assignment of rights is revocable by the assignor and the rights of the assignee shall be extinguished by the assignor's death or incapacity, by a subsequent assignment by the assignor, or by the assignor written notification to the assignee or the debtor.

A gratuitous assignment of rights shall not be revocable if, prior to the extinguishing of the assignee's rights, the assignee obtains:

- 1° payment or performance of the

Article 125: Acceptation ou renonciation par le cessionnaire

Le consentement par le cessionnaire est indispensable pour rendre la cession valide, sauf si:

- 1° un tiers donne une contrepartie pour la cession; ou
- 2° la cession des droits est irrévocable à la suite de la remise de l'écrit à un tiers.

Un cessionnaire qui n'a pas encore manifesté son consentement peut, dans un délai raisonnable après avoir pris connaissance de la cession, la rendre nulle à partir du moment où elle a été faite.

Article 126: Révocation de la cession gratuite des droits

Une cession gratuite des droits est révoquée par le cédant et les droits du cessionnaire sont éteints en cas de décès ou d'incapacité du cédant, en cas d'une autre cession ultérieure par le cédant, ou en cas de notification par écrit par le cédant au cessionnaire ou au débiteur.

Une cession gratuite des droits n'est plus révoquée si, avant que les droits du cessionnaire ne soient éteints, celui-ci obtient:

- 1° le paiement ou l'acquittement des

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

ry'inshingano ;	obligations;	obligations;
2° icyemezo cy'urukiko gitegeka ufite inshingano;	2° a court decision against the debtor;	2° une décision judiciaire à l'encontre du débiteur ;
3° amasezerano mashya y'ufite inshingano ahindura inshingano.	3° a new contract of the debtor by novation.	3° un nouveau contrat du débiteur par novation.

Ingingo ya 127: Ukudasubirwaho kw'iherekanya ry'uburenganzira nta kiguzi

Keretse hari ubundi bushake bugaragajwe, iherekanya ry'uburenganzira nta kiguzi ntirishobora gusubirwaho iyo :

- 1° riri mu nyandiko yaba iriho umukono cyangwa ikozwe mu buryo bw'inyandikompani yatanze n'uweguye uburenganzira bwe; cyangwa
- 2° iherekanya ry'uburenganzira riherekajwe n'inyandiko isanzwe yemewe nk'igaragaza ubwo burenganzira bwatanze.

Ihererekanya ry'uburenganzira nta kiguzi ntirishoborwaho igihe cyose ari ngombwa kugira ngo hatabaho akarengane mu gihe uweguye uburenganzira yagombye kubona ko iherekanya rizatuma abona ko uweguriwe cyangwa undi na we yeguriye ubwo burenganzira bagira icyo bakora cyangwa banga gukora.

Article 127: Irrevocability of gratuitous assignment of rights

Unless a different intention is manifested, a gratuitous assignment of rights shall be irrevocable if:

- 1° the assignment is made in writing signed or authentic, delivered by the assignor; or
- 2° the assignment is accompanied by a writing customarily accepted as evidence of the rights assigned.

A gratuitous assignment of rights shall be irrevocable whenever necessary to avoid injustice where the assignor should reasonably expect the assignment to induce the assignee or a sub assignee to an action or abstention.

Article 127: Irrévocabilité de la cession gratuite des droits

A moins qu'une intention différente ne soit manifestée, une cession gratuite des droits devient irrévocable si :

- 1° la cession a la forme d'un écrit signé ou authentique et qui est remis par le cédant ; ou
- 2° la cession est accompagnée d'un écrit habituellement accepté comme une preuve des droits cédés.

Une cession gratuite est irrévocable chaque fois qu'il est nécessaire pour éviter l'injustice dans le cas où le cédant devrait raisonnablement s'attendre à ce que la cession incite le cessionnaire ou un rétrocessionnaire à une action ou une abstention.

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

Ingingo ya 128: Ubwishingire butegetswe uweguye uburenganzira bwe

Keretse iyo hari ubundi bushake bugaragaye, uweguye cyangwa ushaka kwegura uburenganzira bwe akoresheje inyandikomvaho aba yishingiye ko:

- 1° ntacyo azakora kizaburizamo cyangwa kizabangamira agaciro k'iherekanya ry'uburenganzira kandi ko ntacyo azi gishobora kuriburizamo;
- 2° uburenganzira nk'uko buhererekanyijwe buriho, nta buzime bufite kandi butari mu rubanza usibye ibyavuzwe cyangwa bigaragara mu gihe cy'iherekanya ;
- 3° inyandiko zose zigaragaza ubwo burenganzira buhererekanyijwe zihawe cyangwa zeretswe uweguriwe uburenganzira kugira ngo yemere iherekanya ari nyakuri kandi ziri n'icyo zigamije kuba cyo.

Ihererekanya ry'uburenganzira ntabwo ubwaryo ari ukwishingira ko ufite inshingano afite ubushobozi bwo kwishyura cyangwa ko azarangiza inshingano ze.

Ingingo ya 129: Irenganurwa ry'uweguriwe uburenganzira

Ihererekanya ry'uburenganzira riha uweguriwe uburenganzira bwo gukurikirana ufite inshingano

Article 128: Warranties required from the assignor

Unless a different intention is manifested, a person who assigns or purports to assign his/her rights by an authentic writing, warrants:

- 1° that he/she will do nothing to make void or impair the validity of the assignment and that he/she has no knowledge of any fact which may nullify it;
- 2° that the rights, as assigned, actually exist and are subject to no limitations or litigation other than what is stated or apparent at the time of the assignment;
